Rwanda Council of Veterinary Doctors
KG 569 St 1 Kacyiru
P.O.Box: 2949 Kigali-Rwanda
Tel: (+250) 78 888 3525
Email:rwandaveterinarycouncil@gmail.com
Website : www.rwandaveterinarycouncil.rw

Ordre des Médecins Vétérinaires au Rwanda
KG 569 St 1 Kacyiru
B.P.: 2949 Kigali-Rwanda
Tel: (+250) 78 888 3525
Email: rwandaveterinarycouncil@gmail.com
Website : www.rwandaveterinarycouncil.rw

Kigali, 21...Dec...2021.....

Ref. N° : 421/RCVD/2021

ITANGAZO RY'URUGAGA RW'ABAGANGA B'AMATUNGO

Ubuyobozi bw'Urugaga rw'abaganga b'amatungo mu Rwanda (RCVD) buramenyesha Abanyamwuga bose, ko mu rwego rwo kunoza serivisi abitabaza imirimo y'abanyamwuga bakarushaho kugirira icyizere umwuga w'ubuvuzi bw'amatungo,

Hagiye gutangwa License y'umwaka 2022 (ni ukuvuga icyemezo cyo gukora) ku banyamwuga (abakorera Leta, abikorera, abakorera NGOs, abakorera Ibigo byigenga cg abashoramari). Ibi birareba abaveterineri (Doctors, abatekinisiye).

Iki gikorwa kizatangira kuwa mbere tariki ya 03 Mutarama 2022 gisozwe kuwa gatandatu tariki ya 05 Werurwe 2022. License igiye gutangwa izakora kugeza kuri 31 Ukuboza 2022.

Usaba iyi License igiye gutangwa y'umwaka 2022 yuzuza ibisabwa akabigeza ku Rugaga akoresheje inzira imworoheye muri izi zikurikira : Website y'Urugaga (www.rwandaveterinarycouncil.rw) - Email y'Urugaga (rwandaveterinarycouncil@gmail.com) – Watsap y'umukozi ubishinzwe mu Rugaga (078 888 3525) – Kuzana ibisabwa ku cyicaro cy'Urugaga.

IBISABWA :

1- Ibaruwa isaba License yandikiwe Perezida w'Urugaga ;
2- Ikarita ya License wakoreragaho ;
3- Ifoto imwe ngufi y'umwimerere ;
4- Kopi ya Registration certificate muri RCVD ;
5- Icyemezo cyerekana ko usanzwe ukora gitanzwe n'ubuyobozi bw'inzego z'ibanze (wagisaba ku buyobozi bw'aho usanzwe ukorera) ;
6- Kuvuga umurimo umwe, ibiri cg itatu yo mu mwuga w'ubuvuzi bw'amatungo usaba License ahisemo gukora no kuvuga aho azayikorera (Akarere, Umurenge). Gusa Farumasi no Kuvura ntibishobora kubangikanwa ;
7- Kopi ya Bordereau yerekana ko wishyuye amafaranga 40,000 ku batekinisiye, amafaranga 60,000 ku baganga b'amatungo. Aya mafaranga yishyurwa kuri Konti y'Urugaga iri muri Banki ya Kigali, 00040-0653033-35 ;

8- Ku banyamwuga bikorera, gutanga kopi ya Patente cyangwa Certificate of domestic company Registration. Buri munyamwuga kandi basabwe kubahiriza amategeko ariho kubirebana n'imisoro cg amahoro.

Gutanga License bizakorwa mu buryo bukurikira :

a) Gusuzuma niba ibisabwa byavuzwe haruguru byuzuye ;
b) Gukoresha isuzuma (Test) ku banyamwuga bose bazaba bujuje ibisabwa, bikazakorerwa ku rwego rwa buri Ntara n'Umujyi wa Kigali ;
c) Abanyamwuga batsinze Test bazakorerwa ikarita ya License bandikirwe babimenyeshwa, bagezweho iyo karita binyujijwe ku rwego ruhagarariye Urugaga RCVD ku Ntara cg Umujyi wa Kigali. Abatsinzwe nabo bazandikirwa babimenyeshwa banagirwe inama y'ibyo bagomba kwihuguramo.

Icyitonderwa :

- Abatazabasha gutsinda muri iki cyiciro bazamenyeshwa indi gahunda ya Test
- Abanyamwuga bazasaba License nyuma y'iki cyiciro bazatanga ikiguzi cyayo kivugwa mu ngingo ya 7 hiyongereyeho amande y'ubukererwe igenwa n'amabwiriza y'Urugaga, bategereze guhabwa gahunda ya Test ;
- Nyuma y'iriya tariki yatanzwe ya 05 Werurwe 2022, hazatangira gukorwa igenzura rihoraho mu Ntara zose n'Umujyi wa Kigali. Nta munyamwuga uzemererwa gukora adafite License imwemerera gukora imirimo iyi n'iyi mu Murenge runaka.

Ibindi bisobanuro bijyana n'iyi gahunda mushobora kubibaza ku Cyicaro cy'Urugaga ku Kacyiru mu Mujyi wa Kigali, cyangwa mugahamagara kuri telefoni 078 860 9001, 078 888 3525 cg 078 864 4544.

Dr TUMUSABE Marie Claire
Visi-Perezida w'Urugaga

Rwanda Council of Veterinary Doctors
B.P.2949
Kigali - Rwanda